ITANGAZO RYO KUGURISHA MU CYAMUNARA MOTO 22 ZA SUZUKI TF 125 Z'UMUSHINGA SAIP UKORERA MU KIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE UBUHINZI N'UBWOROZI - RAB (IMINSI 3X2)

Ubuyobozi bw'Imishinga iterwa inkunga na Bankiy'Isi na KOICA ibarizwa mu Kigo cy'Igihugu gishinzwe itera mbere ry' Ubuhinzi n'Ubworozi (RAB), buramenyesha abantu bose bashaka kandi bafite ubushobozi bwo kugura, ko hari cyamunara yo kugurisha moto makumyabiri n'ebyiri (22) za **SUZUKI TF 125**.Cyamunara izakurikiza amabwiriza akurikira:

1. Gusura ibinyabiziga (moto) bizakorwa buri munsi uhereye kuwa kane tariki ya 10/03/2022 kugeza kuwa kane tariki ya 24/03/2022.

2. Gusura bizakorwa gusa mu masaha y'akazi kuva saa mbiri (8h00) za mugitondo kugeza saa kumi n'imwe (17h00) za nimugoroba, bikabera mu Karere ka Gasabo, Umurenge wa Kacyiru, Akagali ka Kamatamu, Umudugudu w'Itetero mu mazu y'aho MINAGRI yahoze ikorera akurikiranye n'ahahoze hitwa TERRACOM HOUSE ubu hitwa RISA, iruhande rwa Kiliziya y'Abadominikani aho imishinga SAIP-SAPMP ikorera.

3. Moto zizagurishwa muri cyamunara zinjiye zishyuye imisoro. Uzagura moto nta misoro azishyura.

4. Igiciro cya buri loti (buri moto) kizatangwa mu ibahasha ifunze neza aho bakirira amabaruwa ku biro bya SAIP –SAPMP bitarenze kuwa gatanu tariki ya 25/3/2022 isaa tatu n'iminota mirongo itatu (9H30) za mu gitondo, utanze ibahasha agasinya ko ayitanze mu gitabo cyabugenewe.

5. Gufungura amabaruwa mu ruhame bizakorwa ku wa mbere tariki ya 25/3/2022 saa yine (10h) zuzuye za mugitondo mu cyumba cy'inama kandi bizitabirwa gusa n'abatanze amabahasha.

6. Ushaka kugura moto, ku ibahasha azandikaho: KUGURA MU CYAMUNARA MOTO ya SAIP LOTI N^0….(wuzuzeho Loti wifuza kugura). Igiciro cya buri Loti kigomba gushyirwa mu ibahasha yihariye kandi kurupapuro rw'igiciro ukuzuzaho izina ryawe, N^0 y'indangamuntu yawe na Loti upiganiye.

7. Uwatanze ibahasha irimo igiciro azitwaza sheki izigamiye (Cheque Certifié/ Certified Cheque) yanditswe mu mazina ya RWANDA REVENUE AUTHORITY kuri buri loti ingana n'agaciro yashyize mu ibahasha, ikazashyikirizwa umukozi wa RRA uzaba uhari mbere yo gufungura amabahasha. Uzatsindwa azasubizwa sheki ye, naho uzatsinda sheki ye izishyurwa kuri konti ya RWANDA REVENUE AUTHORITY yabugenewe, kandi bikazakorwa n'umukozi wa RRA wabiherewe ububasha, uwaguze akazahabwa urupapuro rwa banki rwerekana ko kwishyura byakozwe(Bordereau).

RAB SINGLE PROJECT IMPLEMENTATION UNIT

8. Uwatsindiye ikinyabiziga azasinya amasezerano y'ubugure na RAB, ari nayo izamworohereza kujya guhinduza ikinyabiziga mu mazina ye no gushaka pulaki yacyo anyuze muri MININFRA na RRA.

9. Uwatsindiye ikinyabiziga agomba kuba yamaze kugitwara bitarenze iminsi itatu akimara kwishyura amafaranga yose, bitaba ibyo akazishyura amafaranga y'amande y'ubukerererwe angana na 1.5% y'amafaranga yatsindiyeho ikinyabiziga kuri buri munsi w'ubukererwe kuri konti ya RRA yabugenewe.

10. Ku bindi bisobanuro wahamagara telefoni zikurikira: 0788500217cyangwa 0788536390.

Bikorewe i Kigali kuwa 08/03/2022

For

Stephen RWAMULANGWA

Umuhuzabikorwa w'Imishinga

Iterwa Inkunga na Banki y'Isi na KOICA